GANA HEZA

CCOAIB's NEWSLETTER

03/ 08 / 2015

IMWE MU MIRYANGO YA SOSIYETE SIVILE NYARWANDA YAGIZE ICYO IVUGA KU IVUGURURWA RY'INGINGO Y'101 Y'ITEGEKONSHINGA RYA REPUBULIKA Y'U RWANDA

Tariki ya 14 Nyakanga 2015 ubwo imitwe ibiri igize inteko ishinga amategeko y'u Rwanda yari imaze kwakira no gusuzuma ubusabe bw'abaturage bifuzaga ko ingingo y'101 y'itegekonshinga yavugururwa, umwanzuro wafashwe ni uko abagize inteko ishingamategeko bagombaga kumanuka bakagirana ibiganiro birambuye n'abaturage, baba abari baratanze ubusabe mu nyandiko ndetse n'abatari bashoboye kubikora.

Ni muri urwo rwego abasenateri batatu aribo Tito Rutaremara, Perine Mukankusi na Mike Rugema bahuriye na bamwe mu bari baturutse mu miryango igize Sosiyete sivile Nyarwanda mu murenge wa Remera mu karere ka Gasabo kuwa gatanu tariki ya 31 Nyakanga 2015 maze baraganira biratinda.

Ikigairo cyitabiriwe n'imbaga y'abantu biganjemo abari baturutse mu miryango igize Sosiyete sivile Nyarwanda

Senateri Tito Rutaremara amaze guha ikaze abitabiriye icyo kiganiro, Ba Nyakubahwa Perine Mukankusi na Mike Rugema nabo bafashe ijambo, bibutsa abari bitabiriye iyo nama ibikubiye mu ngingo y'101 y'itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ivugwaho byinshi muri iki gihe ndetse basobanura ireme riri mu gikorwa cyo kwegera abaturage no kumva ibitekerezo byabo. Hasobanuwe neza ingingo y'101 y'itegekonshinga ivugwaho byinshi muri iki gihe, icyari kigamijwe ari ukugira ngo abantu bayigireho imyumvire imwe.

Bwana Edouard Munyamaliza, umuvugizi wa Plate forme ya Sosiyete sivile Nyarwanda, yasabye bose gutanga ibitekerezo mu bwisanzure, abibutsa ko itegeko nshinga ari iry'abanyarwanda, ko nta ugomba kurihindura atabibasabiye uburenganzira

Bwana Rulinda Innocent, Umuyobozi w'inama y'ubutegetsi ya CCOAIB niwe wabimburiye abatanze ibitekerezo. Kuri we, ngo kuba Nyakubahwa Paul Kagame yarateje imbere abanyarwanda mu ngeri zitandukanye, nta mpamvu yatuma adahabwa amahirwe yo kongera kwiyamamariza kubayobora kandi ngo ntashidikanya ko bazamutora.

Uyu mwari ni umunyamuryango wa CAURWA, umuryango w'ababumbyi bo mu Rwanda. Yemeje Nyakubahwa Paul Kagame ari we mukuru w'igihugu wahaye abasigajwe inyuma n'amateka agaciro kuva u Rwanda rwabaho. Kuri ubu ngo yarangije Kaminuza akaba ari n'umukozi ufite agaciro mu bandi. Yasabye ko ingingo y'101 igomba kuvugururwa

Uyu munyamuryango wa CAURWA wundi avuga ko kuba yarashoboye guhuza abanyarwanda akwiye guhabwa amahirwe yo gukomeza kuyobora abanyarwanda agakomeza ibyiza yatangiye

Uyu mutegarugori ngo nubwo yari yaranditse, ngo yasanze ari ngombwa gushimangira iubusabe bwe. Ngo kuba Veneranda Nzambazariya washinze umuryango ayobora yarateraga ikirenge mu cya Nyakubahwa Paul Kagame , bimutera gushyigikira ko uyu mubyeyi ukunda ab'intege nke yakomeza akayobora u Rwanda

*N*izeyimana Balthazar umaze igihe kitari gito muri sosiyete sivili nyarwanda avuga ko abona paul Kagame ari umuntu udasanzwe waje mu bihe bidasanzwe akaba akora ibintu bidasanzwe. Ngo asanga ari mu bantu bake bahinduye ubuzima n'imibereho by'abantu kandi mu gihe gito kandi mu buryo budasanzwe. Kuri we ngo ibi birahagije kugira ngo akomeze ayobore iki gihugu.

Ngo nubwo benshi mu bo bavukanye bishwe muri Jenoside yakorerwe abatutsi muri 1994, ngo niwe washoboye kwiga, akaba yarabigejejweho na Prezida Paul Kagame ushyigikira uburezi kuri bose. Ngo yigeze kohereza Paul Kagame raporo ku bikorwa by'umushinga yayoboraga, arayisoma ku buryo ngo yamutumyeho ko yayishimye ndetse bituma uyu musore yinjira muri prezidansi ya repubulika y'u Rwanda. Kuri we, ngo asanga akwiye gukomeza.

Bwana Rukwatage Janvier uyobora umuruango FIOM Rwanda agereranya Prezida Paul Kagame na Musa wayoboye abana b'Israheli, agasanga nta mpamvu n'imwe yari ikwiye gutuma adakomeza kuyobora u Rwanda kuko ibyo yarugejejeho ari byinshi kandi bikaba byigaragaza

Kuko abahagararіye Sena bari banasabye ko hanatangwa ibitekerezo ku buryo manda ya Prezida wa Repubulika yaba iteye, uyu yavuze ko kuba Prezida Paul Kagame ari umwihariko (Special Cas), yahabwa manda idasanzwe (Special) ubwo ngo akaba yayobora ubuziraherezo. (Ubwo ngo abazamukurikira bakazubahiriza manda ebyiri)

Maitre Emmanuel Safari Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CLADHO ashima cyane intambwe u Rwanda rumaze gutera mu bijyana no kubahiriza uburenganzira bwa muntu. We ngo ntiyumva impamvu Prezida wa Repubulika yavutswa uburenganzira bwo kwitresha. Yarangije ashimangira ko abantu bareshya imbere y'amategeko.

Madame Odette Musengimana uyobora umuryango Reseau des femmes ngo uretse gushimangira ubusabe bwe, ngo yari anazanywe no gutanga ubusabe bw'abagore batuye mu cyaro bakorana n'urugaga ayobora. Kuri we, ngo asanga Prezida Paul Kagame ni umuti w'ibibazo by'abanyarwanda muri rusange, ariko akaba ashima ko yita ku bibazo by'abagore by'umwihariko.

Bwana Senyabatera Jean Bosco yavuze ko aho Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakuye u Rwanda ahazi, anongeraho ko azi neza aho amaze kurugeza. Ngo kuvugurura ingingo y'101 perezida Paul Kagame akongera agatorerwa kutuyobora ni ukwiteganyiriza. Yasanze agomba kubishyira mu ndirimbo maze nka muririmbyi arahanika ati: Urwo ngukunda ni cyimeza!

Uyu muturirwa ni umurenge wa Remera ahabereye iki kiganiro. Ni hepfo gato y'ahitwa Kisimenti, hirya gato ya CIVITAS

Iki kiganiro cyitabiwe n'abantu benshi bakomoka mu miryango igize sosiyete sivile Nyarwanda.